
# Nkunda kuvumbura



Umwanditsi:
**Antoine de Padoue Sisibo**

Uwashushanyije:
**So Marvelous Arts**

# Nkunda kuvumbura




Umwanditsi:

**Antoine de Padoue Sisibo**

Uwashushanyije:

**So Marvelous Arts**

Mudacumura Publishing House
E-mail: mudacumurapublishing@gmail.com
© Mudacumura Publishing House 2021

Iki gitabo cyatangajwe bwa mbere muri 2021.

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.

ISBN: 978-99977-55-05-6



Ku wa Mbere, nge na data twameshe imyenda, dusangamo umugese. Nyanyagizaho umunyu n'umutobe w'indimu.



Tuje kureba, dusanga umugese wavuyemo, biradushimisha cyane.



Ku wa Kabiri, nge na musaza wange twarakinnye.



Dukora terefoni mu bibiriti byashizemo imyambi, tubwirana udukuru twiza.




Ku wa Gatatu, musaza wange yanyigishije uko bakurura uduce tw'udupapuro n'ikaramu.



Ukuba ikaramu ku musatsi, ukayikoza ku dupapuro, bigafata.



Ku wa Kane, nize gukora ubugenge.
Mfata amazi mu gikombe, mfundikizaho agapapuro k'uruziga nakase n'umukasi.



Narambitseho ikiganza igihe gito, ngikuyeho, ncurika igikombe amazi ntiyameneka.



Ku wa Gatanu, mama yafunguye ingufuri biranga kubera umugese.



Dushyiramo amavuta, turazunguza.
Ingufuri irafunguka, twese turishima.

9 789997 755056

Mudacumura Publishing House